-K.D-
TERRITOIRE DU RUANDA-URUNDI
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI
-------

RUHENGERI
19942

IBIMENYESHWA ABASORESHA,BYEREKEYE
UMUSORO W'ABIRABIRABURA UMWAKA 1957
------------------------

1.- Absoresha(collecteurs délégués) bahereko bamenyesha abaturage, ibyanditse muli ili tangazo.

2.- Mu minsi 15 yanyuma y'ukwezi kwa kabili(février), dore ibyo bazazanira Bwana Administrateur Territorial Assistant cyanga Jye (ku matariki baza bwira nyuma, naho baza bwirwa:

a) Abagomba gusonerwa umusoro w'umubili, kubera ubusaza cyanga ubumuga, aliko lero bitwaje impapuro zibasonera;

b) Abagore ba kabili(polygames)bamaze gukecura;

c) Abanyeshuli bageze mukigero cyo gusora umusoro w'umubili, aliko bakulikiranye amashuli yabo neza, kumategeko, bo muli Territoire Ruhengeri gusa, abiga mw'ishuli ry'ubuforoma rya Ruhengeri n'iry'ubucuruzi rya Kinoni;

d) Abahungu bose bali mukigero cy'imyaka 18 ubona byatuma basora.

3.- Abo bazazanira abategetsi ba Leta kubafungisha batasoze imisoro I.C.,I.S. na I.B.,y'uyu mwaka, bazabitangira kw'itariki ya 1-4-1957 uroye ingingo ya kabili y'itangazo nandikiye abaturage.

4.- Bazitondera kwandika mu bitabo basoresherezamo modèle A na B bikaba byanditsemo buli gihe cyose, ibyo muli modèle A babyanditse ku mafishi no mugitabo cy'umusozi. Uko umuntu asoze akaba aliko abona iparata ako kanya kandi ikandikwa uko yatanzwe, mu gitabo cy'umusoro cy'usora. Kandi bakaza kwitaba Comptable kuli Territoire cyanga ahandi yabategetse kumusanga, no ku gihe yabamenyesheje; bakazana n'ibitabo modèle A na B n'amaparata aba asigaye muli icyo gihe.
Kandi tariki 25 ya buli kwezi bagomba kujya bandikira Bwana Comtpable ibyakozwe byose muli icyo gihe, berekana, abantu babonye, amaparata basoresheje ya buli mwaka kandi ya buli bwoko bw'umusoro, umubare w' amafaranga ya Leta n'andi yose ajyana nayo babonye muli iryo soresha; amafaranga ali mw'isanduku n'iparata zigomba kubazisigaye mu byanditse.

5.- Usoresha ntashobora guha umuntu iparata, atabanje kugenzura ko ya soresheje n'umwaka ushize.

6.- Comptable wa Territoire azajya akora kuburyo bushobotse bwose,kugirango hatagira umusoresha wicarana aya mafaranga arenze umubare w'itegeko byanditse hepho na limwe.

a) <u>Imizozi iliho abantu basora batageze kuli 500</u>
ntibashobora kurenza iparata 300 I.C.
" " " 50 I.S.
" " " 300 I.B.

b) <u>Imisozi irengeje avantu 500 basora</u>
ntibashobora kurenza iparata 500 I.C.
" " " 100 I.S.
" " " 500 I;B.

7.- Mw'isandugu ntibashobora kurenza amagaranga 50.000. Niba uwo mubare muwu shyikiriye mbere y'igihe cy itegeko, uwo musoresha agomba kuyashyira Bwana Comptable wa Territoire bidatinze. Aliko nanone akihatira kutagera ku Bureau bya Territoire saa tanu imaze kugera.

8.- Uwomusoresha ubwe, niwe ubazwa iparata zose n'amafaranga agomba kwerekana. Ashobora kwishyiriraho umukarani umufasha wemewe na Comptable wa Territoire; k'uruhusa rwanhjye mba naramuhaye. Maze n'ubwo bubashabwe abufitiye ibintu bimwe; nk'ibi byanditse hepfo: kubara amafaranga, kwandika mubitabo by'imisoro iparata zisorewe, kwandika abasigaye batarasora, kwandika mu mafishi y'abasoze n'ibindi..... Nta nalimwe uwo mukarani ashobora kwakira iyo misoro umutware w'umusozi adahali, aliwe musoresha. Asihemberwa na Shebuja(Umutwale w'umusozi)buli kwezi amagaranga atali munsi ya 437 akamuha icumbi,hakajyaho na 25 y'abana n'umugore.

9.- Buli musoresha agomba guhabwa na Comptable wa Territoire, ibyo abikamo ayo mafaranga asoresha, n'ibyo asoresherezaho bindi bya ngombwa. Umwikorezi w'amagaranga y'imisoro azihemberwa na leta.

10.-Uzaramuka adatunganije iryo soresha rye uko bitegetwe, nzabimukuraho bidatinze kandi ntazindi mpamvu yaza kumbwira.

<u>N.B.:</u> Mbasabye kongera gusoma baruwa yanjye ya 27/4/56 igikulikizwa.

Ruhengeri, le 7 janvier 1957.-
L'ADMINISTRATEUR DE TERRITOIRE.A. d'ARIAN.-

380.5
× 67
26635
22830
25.493,5

110
× 48
880
440
5280
25493,5
224
30.997,5

380,5
× 4
1522,0

807361
807358
3

643
4
639

20
14
6.

807362
807358
-4

807362
807295
67

706
67
639

737414
737407
7

737415
737367
48

110
× 7
770

293
7
286

334
48
286